LANYARUSHOKI Clever

Correspondance

Doc: 1
pag: 28

october 1987

Bref, ce premier numéro de la revue "INKOTANYI" du RANU est un appel à tous les réfugiés rwandais, leur demandant de s'unir, de prendre les armes et forcer leur retour au Rwanda.

Je voudrais enfin faire remarquer le caractère de "tract" de cette publication. En effet, même si certains articles décrivent des situations vécues dans les zones d'installation des réfugiés rwandais en Uganda (settlements), aucune adresse n'est donnée concernant le siège de l'édition et presque tous les articles sont signés sous des pseudonymes. C'est à mon avis une indication que cette publication se fait dans l'un des pays limitrophes du Rwanda, où ses responsables craignent une action des autorités de ce pays au cas où ils se démasquaient.

Je vous en souhaite bonne réception et vous prie d'agréer, Monsieur le Ministre, l'assurance de ma très haute considération.

KANYARUSHOKI Claver
Ambassadeur
Kanyarus

Copie pour information à:

- Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise KIGALI.
- Monsieur l'Ambassadeur de la République Rwandaise à NAIROBI.
- Monsieur l'Ambassadeur de la République Rwandaise à BUJUMBURA.
- Monsieur l'Ambassadeur de la République Rwandaise à KINSHASA.
- Monsieur l'Ambassadeur de la République Rwandaise à DAR-ES-SALAAM.
- Monsieur l'Ambassadeur de la République Rwandaise à WASHINGTON.
- Monsieur le Secrétaire Général du Service Central de Renseignements KIGALI.

# INKOTANYI

IKINYAMATEKA CYA RANU



UKULI GUCA MUZIKO NTIGUSHYE

VOL. I NO.I. OCTOBER, 1987.

# I B I R I M O

1. IJAMBO RYUMUKURU W'UMURYANGO ....... 1

2. KANGUKA ............................. 6

3. USENYA URWE UMUTIZA UMUHORO ......... 7

4. MUREKE KURWANIRA MUMAYEZI ........... 9

5. UWO WANGA ARAGAFATA IPOSHO .......... 10

6. DUKORE IKI RUBANDA RWA GISESEKA ..... 12

7. UBUCYENE GALI YA MOSHI ............... 16

8. IMWE MUMIGANI Y'IKINYARWANDA ........ 20

9. NTUKIBESHYE ......................... 24

# HAJE INKOTANYI.

Inkotanyi n'akanyamateka kandikwa n'abarwanashyaka bo mw'ishyaka ryitwa Rwandese Alliance for National Unity kyangwa mu bugufi RANU. Muliko rero nkuko umwanditsi mukuru wako azajya akomeza kubibagezaho tuzajya tubagezaho ibintu byinshi byerekeye icyo ili shyaka ligamije, aliyo migabo n'imigambi yacu. Tuzajya tubagezaho imibereho y'u Rwanda n'amafuti yatumye kandi agikomeza gutuma u Rwanda ruba uko ruli. Muli aka kanyamateka buli munyarwanda wese arasabwa kwitekerezaho no gutekereza bushya icyo amaliye Urwanda n'abanyarwanda kugirango twibohore twese hamwe ingoyi n'ubujiji byazonze Urwanda. Tukaba rero twahuliza ibitekerezo byacu muli ako kanyamateka tukungurana mubitekerezo n'imikorere yacu.

RANU mumagambo make n'ishyaka rya Politike (political movement). Yabayeho rero bitewe no kwiyumvisha amafuti, umwiryane ubujiji, no gukandagirwa kwa rubanda nyamwinshi kuva kungoma zo hambere kugeza kuzubu. Tukaba rero muli RANU twaliyemeje ko ali umunyarwanda ubwe uzavana Urwanda mu bujiji no mubuja ali nabyo bibyara umwiryane, amacakubiri, n'ibindi biva muli politike ya gitindi (primitive politics)- Politike ishingiye ku bwoko (clanism), ku turere (regionalism) no ku busambo n'ubujura - Niko Urwanda ruteye ubu! RANU rero ikaba igamije kuvana igihugu cyacu mungoyi n'ubucupire, no mu kangaratete Urwanda rusa naho ruhezemo.

Ubwo rero mwabaza mutise ko ibyo tubyumva kandi tubishimye uburyo n'ubuhe? Icyambere RANU ntikiri ibihembe by'inyana ngo bikura utazi iyo bigana. Hali amategeko, imigabo n'imigambi ili shyaka lishingiyeho. Muli RANU ntitwemera ndetse turwanya cyane politike ishingiye ku dutsiko dushingiye ku bwoko cyangwa uturere. Twemera kandi twemeza ko ali umuto ali umukuru, ali umugore ali umugabo, ali umukene ali umukire, ali uwize amashuli ya kizungu ali utalize, ali uwo mugihugu ali n'uwo hanze, ali uwo ku Gisenyi ali n'uwi Gitarama bose bafite uruhare mu kurinda no kulindwa mugihugu cyabo; guteza imbere no kurwanira agaciro ka buli munyarwanda wese. Bitali mumvugo gusa ali bigomba kuba mubikorwa. Ibinyoma byabaye byinshi ngirango buli wese akwiye kubirwanya. Muliyi nyandiko nkaba mvugako Habyalimana n'abandi basangiye amatwara ko ntawe ufite uburenganzira n'ubushobozi gukomeza guca abanyarwanda n'Urwanda mo ibice, ko ntawe ufite uburenganzira gukomeza gucuruza Urwanda. S'urwumwe n'urwa twese. Kandi ga burya ngo iminsi y'umujura ihora ibaze. Ngirango muzi uko ingana!

../2

Ikindi rero twakwibaza cyangwa mwanabaza n'ibikenewe kugera kuntegò yacu. Ibikenewe nibyinshi. Aliko byaba byinshi icyà ngombwa n'abantu - Ubu se wowe uli umwe mulitwe? Niba rero utali umwe mulitwe, uli muzihe? Niba usenya urwawe icyakora ntituzagutiza umuhoro,tuzawukwaka kandi turabishoboye. Niba uruwacu rero wabyiyemeje twe dusenyera k'umugozi umwe ntitwanduranye. Mbese wali uzi ko amaboko akama ishashi? Nkuko twumvise ko ibikenewe ali byinshi tugomba kubyishakamo.. Muziko akimuhana kaza imvura ihise. Kandi nyirumupfu ngo niwe ujya ahanuka. Ngirango aho Urwanda rugeze kugasenyi kenshi n'ugusabiliza. Abantu bajya gusabiliza n'amafranga yo gusana iminyururu! Intambara ya mbere ya RANU n'ukuzahura imitima y'abanyarwanda bakagira ikizere n'ikiyemezo ko alibo maboko yu Rwanda naho ba runyunyusi na ba shebuja b'iburaya ko iminsi yabo ibaze.

Mbese RANU yakoze iki kugeza ubu?
RANU yabayeho hashize imyaka 20 Urwanda rubonye ubwigenge bwibendera (flag independence). Imaze hafi imyaka umunani(8). Ishyaka ryitwa ANC ryo muli Africa yepfo rimaze imyaka 75 lirwana n'abazungu baho banashyigikiwe n'abanyamerika na ba runyunyusi bandi bo mu burayi. Iryitwa PAC limaze 34 naryo lirwana intambara imwe. Kandi baracyarwana inkundura - bazanatsinda. Kugirango rero twumve neza icyatumye RANU ibaho n'igihe yabereyeho, igihe imaze n'ibyo yakoze cyangwa se itabashije gukora, byaba byiza turebye mumagambo make imibereho (history) y'u Rwanda.

Aha rero nagirango tubanze twumvikane ko ujya kubaka inzu ntahera kugisenge kandi ko ibice byinzu byose bifite akamaro kugirango inzu ibeyo. Umuntu nawe abanza kuba umwana akaba umusore cyangwa inkumi hanyuma akaba umuntu mukuru (umugabo cyangwa umugore). Umwana urezwe neza avamo umusore mwiza. Umusore ukuze neza cyangwa ukuliye neza avamo umugabo cyangwa umugore mwiza utunganiye abe n'umuryango wose.

Urwanda rero mumishinga yarwo rwagize ingorane nk'izibindi bihugu bito byose. Babanje kurwana no kubaho, bashaka ibibatunga bakurikije amikoro yabo. Bakomeje kwirwanaho bashaka n'ibibaranga nk'abantu (identity). Urwo Rwanda rero mwumva kujya kwitwa rutyo rwashakiwe imbibi na ba sogokuruza baruha igitinyiro, ishema n'umuco karande uranga abanyarwanda. Baruhaye ubutegetsi abaturanyi batatinyaga gusa baranabwemeraga. Ibyo byose aliko si ukuvuga ko Urwanda rwali ntamakemwa. Ahubwo icyo mvuga rwali rwishoboye rufite intango y'amajyambere, buli wese arata ko ali Umunyarwanda. None ubu kuba Umunyarwanda bisigaye al'igikangisho!

Mumyaka y'igihumbi n'amaganinani nindi bakazarusenya b'i Burayi bateraniye ahitwa Berlin ho mu Budage maze, bigabagabanya Afrika halimo n'u Rwanda. Afrika barayitera barayiryagagura. Mbese ubwo abadage baratugabana, baza kuzakurwa n'ababirigi bitewe nokwisubiranamo kwabo gusanzwe. Abo bose rero ntabaje kudukiza baje kudusahura, mbega babanje kugabanya u Rwanda basiga agashumi ibindi bihabwa Congo, Uganda n'ibindi. Ntibaje kuduteza imbere baje kuduca mo ibice no kutumena imitwe. Mbese imitegekere yabo muzabaze aho babaye hose bahitagamo ibisonga byabo bakabikoresha kwica abaturage bene wabo (abanyarwanda baguri). Ubwo rero umutware yakubita agakene ka rubanda ikiboko cy'umuzungu akumva ali kabutindi umuhutu n'umututsi wo hasi barahaguye n'aho umutwa we,yali nk'agakinisho cyangwa igitungwa murugo. Abo batware baba abagaragu ba muzungu n'icyubahiro cy'igikangisho gusa (outward prestige). Maze bamwe babita, "born rulers", "Peak of the natives" abo ngo n'abatutsi. Naho umuhutu n'umututsi w'agakene ikiboko kiramurya maze umuzungu ary'u Rwanda!

Kera kabaye abazungu batangira kubahinda mu bihugu bimwe muli Afrika. Ngaho muli Kenya mau mau ibamerera nabi, leka Algeria babatoza umuhanda ubwo muli Zaire (Congo) babaryaga umugenda. Ababiligi bi Rwanda bati kabaye ingoma zigomba guhindura imilishyo -bya byago twigaruliye birasa naho bigiye kuduhinduka. Mbese ubwo sibwo abagaragu bakuru, babandi bitwaga akatarabonekа (born rulers) babise local imperialists hakaza abandi bitwa 'Hutu elite' Nkabagaragu bashya. Mbese ubwo haza icyo mwumvise cyitwa "revolution" ya 1959. Maze sinakubwira bati uwitwa umututsi ntakajye, abana, abakuru bose barabatema, abagore b'amada barayasatura, inka ziratemwa, inzu zirashya mbega ibintu biradogera. Sibwo bamwe babaye impunzi mugihugu cyabo ahitwa Nyamata, abandi bakajya imahanga. Mbe ntimwamenyera abo ba Nyamata ko basubiye mu byabo? Abagiye hanze bo noneho leta ya Habyalimana yagize itya hambere yemera ko ali abanyarwanda. Aliko ngo nta mwanya bafite iwabo cyeretse ng'uwishoboye. Hanyuma se mwambaliza bakundakuze uwo aho utishoboye azajya. Reka ntibakabeshye ngo Urwanda niruto ngo nta mikoro. Icya kora koko nta mikoro ko gisahurwa ijoro n'amanywa se cyagira amikoro gite. Ngo abali hanze ni bagume aho bali - mbese ntimwambaliza aho bali? Kwande? Icyonzi impunzi z'abanyarwanda ubuzirenze million ebyiri (RANU INFORMATION CENTRE).

Banyarwanda ben'u Rwanda, mwali muzi ko kimwe kya kalindwi (1/7 cy'u Rwanda gituwe n'inyamaswa Habyalimana yororeye ba shebuja b'iburayi. Inguge zo mu birunga zirasabirwa imfashanyo mubihugu byo hanze igihe Habyalimana na ba Nsekalije bavuza induru ngo amahanga natuze abantu b'u Rwanda ntahorufite rubashyira. Abali Nairobi mu ntangiro

...

z'uyu mwaka muzi inama Ambassade y'u Rwanda mulicyo gihugu n'abazungu bagiliye mu French Cultural Centre. Ubwo muzi icyo iyo nama yaligendereye! Ntabwo yaliyo gufasha abanyarwanda batagira amikoro - reka da! Yaliyo gushaka amafranga yo gufasha inguge zo mu Rwanda. Urwanda rero ngo rugira umubano byaracitse! Ubwo muzi urwo Rwanda rudakwiliye abanyarwanda ko Haroy, Bien Logiest (colonel) na Peraudin ko bahawe ubuturage bwu Rwanda mu kwa 7 mu 1982. Muzi yuko ubwo Habyalimana yabahaye n'imidali y'ubutwali bwa independence (soma discours ya Habyalimana kubiroli by'ubwigenge 1982). Naho Urwanda rugeze gaye - Ni hehe? Kugasenyi, Iwandabaga n'ahandi nkaho!

Mubikorwa bya RANU rero twageragejc kwereka abanyarwanda bose ko guhitamo inguge kubantu no gukuza inda za bamwe abandi bapfa bicwa n'ubukene, ubujiji, ubuhunzi ko atali ubucucu gusa ali n'ubugome bukeneye igihano gikomeye. Sikera ni bakomeze! Tugomba guhagurukira kimwe twese tukarwanira agaciro k'umunyarwanda wese yaba uwa Byumba yaba uw'intete cyangwa se yaba uwo mu Bugoyi cyangwa se uwa Cyangwali n'uwa Bruxelles. N'urwa twese. Burya rero imigani ya Kinyarwanda igira inyigisho nyinshi - ngo uwigize agatebo agirate? Kandi se uwanze kuvira inka amaraso imbwa ntiziyanywera ubusa! Ngirango ntituli nka wawundi ucira impumyi amarenga muzi ngo ko amara amabuye mu nzira. Naho rero mbwira abumva yali umwana w'umunyarwanda. Kandi ngo agapfa kabuliwe n'impongo.

Ibi byose rero banyarwanda nabivugiye kugirango twihitiremo, kandi twimenyere natwe aho rwaguye n'umwanzi warwo. Umwanzi w'u Rwanda s'umututsi, s'umuhutu si n'umutwa ngirango gukomeza kwemera mubinyoma bya kubita uwo wanga ukadukira uwo muvindimwe umwita amazina ntaho bizatugeza. Naho politike ya gahutu na gatutsi igomba kuvaho. Kandi burya ngo amaherezo yinzira ni munzu.

Tugomba rero kwitonda, tukitegereza tugahitamo hakili kare. Kandi rero twekuruma duhuha ho nka ya mbeba. Abatsinda bose burya bakoresha ukuli n'ibitekerezo bizima tutikunda ahubwo dukunda igihugu, n'abacyo bose, bitalimo ubutiliganya n'ubutindi. Tugomba kwilinda umwirato, abarata inkovu z'imilinga naba bonye aho isi igeze.

Harakababo u Rwanda n'abanyarwanda bose bakunda kandi barwanira amahoro y'u Rwanda. Harakabaho abakandagirwa kandi baziganzura ibisambo birunyunyuta bifatanije n'aba imperialists.

IGIHE N'IKI NTAKINDI.

Mutarambirwa/Chairman/RANU.

KANGUKA

Reka sigaho! Nyamuneka! ngo "Akalyoshye gasenyera imbwa".
Twabonye tuva mu maboko ya Obote, Rwakasisi nabayusi ba UPC*. Aya mahoro dufite twayahawe nuko twifatanije n'abandi barwanashyaka kurwanya iyo leta ya Obote y'inyanga-bantu. Ubu rero dufatanije nabandi gutunganya igihugu nokwirukana abagome b'inyangamahoro. Hanyuma se, amahoro, ubukungu, "gashyira ukisanga nibimara gukwira muli Uganda yose.. tuzakora iki? Tuzicara pe, tudamarare? Twiyibagize ibyatubayeho nibishobora kutubaho zimaze guhindura imilishyo?*

Nidukanguke rubanda rwagiseseka! Igihe nyamara niki, nikirenga bizaturushya. Nitujye inama, dukore iki?

1. Nitubanze twifatanye, dusangire twose. Erega nyamara dusangiye gupfa no gukira! Abi imbwa nibo bazi ko tuzasangira gukira byonyine: ngo urupfu rugatwara abandi.

2. Nidufashe ubutambambuga hasi, dutangire twijijure, tumenye iwacu, aho twaturutse, abatubyaye, abavandimwe kuki tuli abanyarwanda, abanyarwanda icyo alicyo amavu n'amavuko y'imbaga y'inyabutatu; twige Urwanda n'ibirurimo byose; ubukungu, itaka, abaturage, umuco wacu wa Kinyarwanda, urulimi rwacu rw'ikinyarwanda. Twiyumvishe amavu n'amavuko y'ikiremwa muntu, n'ikiremwa munyarwanda; umwanya gifite muli Africa. Ibi byose dukwiye kubyigana ukuli, ubatabera, ukutikunda, tukabyigana umutima wa kigabo na gipfura. Dufashe hasi guhora dukeka ko tuli akataraboneka, twigarure mu mwanya wacu udukwiye muli rubanda nyamwinshi. Niturekere aho kurata inkovu z'imiringa, tuli ibiremwa, bantu nkabandi bose.

---

* Urubyiruko rw'umutwe wa Obote witwa UPC, nirwo rwicaga abanyarwanda.

** Ubutegetsi buhindutse.

...

3. Kwiga ibi byose ntibihagije, dukwiye nokubyigisha abandi tukabibumvisha. Niturwanye ubujiji nibwo buzana umwiryane no gusuzugurana. Abake (beza) bajijutse mulitwe nibigishe rubanda nyamwinshi kwibaza kumimerere yabo, kwiyumvisha ko guterana kwabo alizo ngufu zishobora gukuraho akarengane, kwirukana ababalyamira no kuzana amahoro n'amajyambere mu gihugu.

4. Imibereho mibi y'abanyarwanda aho bali hose ikwiye gushakirwa intsinzi (umuti). Mugihe umunyarwanda aho ali hose akimerewe nabi ntidukwiye kumwibagirwa. Ubugugu nokwikunda tubifashe hasi tureke kuguma twibeshya ngo kuko aho tuli baduhaye agahenge ngo twibagirwe ko abandi banyarwanda aho bali bamerewe nabi.

5. Igihe rero niki cyo kubabara kigabo nogushobora kugaruka iwacu i Rwanda. Dufatanye dute na rubanda nyamwinshi bali mu Rwanda balyamirwa na Barunyunyusi? Mbese ko agashyira kaząza ko ali amenyo ya ruguru. Ko abarwanira ukuli bagomba gutsinda; nitugera iwacu tuzakora iki? Ibi nibyo bibazo dukwiye kwiga no kwiyumvisha tutaragira icyo dutangira gukora.

Basebya,

USENYA URWE UMUTIZA UMUHORO

Abanyarwanda baca umugani ngo usenya urwe umutiza umuhoro. Aliko se, iyo usanze umubyeyi wawe asenya, uramwihorera ukanamufasha cyangwa se uramubuza kuko aba agusenyera?
Ibikorwa by'abanyarwanda bo mu settlements (amakampu) byerekana ko batakyiri abavandimwe nyamara kandi ibyababayeho byose byari bikwiriye kubigisha bakamenyako ari abavandimwe.

Mumagambo magufi turebe imibereho yabo bantu. Urugero abo muri Toro Kyaknl. Bahageze mu 1964 abenshi bafite inka zabo numbwo inyinshi zahashiriye. Roni yarabagobotse ibaha ibintu byangobwa. Ibyo kurya, amasuka, imihoro ndetse n'imiti y'inka zabo. Amashuri yabana nayo yarubatswe. Amakampu nibyo bintu byose bikagira umuntu mukuru witwa Kamandanti. Abanyarwanda bagumya kubana bya kivandimwe mukababaro kose kugeza aho basangiye ahari ntakyo bibamariye.

Dore uko byagenze: Abafite inka zigiye imbere baratangira bagabira umutware wabo (komandati). Abandi baragemura amata yaburi munsi. Igitaramo kwa mutware sinakubwira. Guhinga biribagirana pe! Abenshi bakazindukira gutanga bwakyeye kwa mutware. Abandi bahora bategereje iposho rya Roni. Guhakirizwa bigeretseho amazimwe nogucerereza ntibyasigaraga inyuma. Mbese abo nibo bahindutse ibyegera bya mutware Kamandanti. Umunyarwanda udashoboye ibyo byose ahinduka umwanzi baratangira bapfa ubusa. Byabintu bya Roni byaza bikaba ibya mutware nibyegera bye. Rubanda rugufi rutabashije guhakwa neza ntibafite ikyo kuvuga. Ugize ikyo abaza mutware Kamandati nibyengera bye bakamusamira hejuru. "Mbese wowe urabaza urinde?" Inzangano rero ubwo ziriyongera.

Sibyo byonyine bibatandukanya. Hateye idini yabantu bitwa ABALUNGI* Abo bantu baje ngo bavura indwara cyane cyane amarozi.

Iyo dini rero isenga abacwezi n'abazimu b'isi yose. Abaganga b'iyo dini ni abantu bacu; babavandimwe. Ikyigusetsa rero nkubwire. Ujyiye kwivuza wese bamubwira ko yarozwe n'umuntu bagira ikyo bahuriraho. Yaba guturana,

---

* Nidini kimwe nizindi ndetse ifite icyo irusha izindi nibura isenga Imana za Afrika igaterekera abazimu bacu yaba gusa itateranyaga abantu n'abandi.

kuvandi'imwe, kyangwa se bafatanya gukora. Umuti bavuza abo barwayi ni indirimbo zaburi joro. Ikyo baguciye iyo utagitanze ntushobora gukyira. Abo Balungi rero nabo bateranyije abantu benshi cyane. Mbese basanze benewabo baryana babatiza umurindi.

Nkaho ibyo bidahagije, abandi batangira imanza za mafuti zidakwiriye kubaho mukinyarwanda. Baca umugani mukinyarwana ngo ishyano ntirihana mukuru rihana uwaribonye.

Mwabonye aho umuntu avuza induru inka ze zishimuswe ngo abavandimwe bamutabare, bagahururana ibyansi byamata bagemuriye umushimusi?
Aba Kyaka I ngirango bazi urubanza rwa Twahirwa na mukase Kamandati yatanze ibyindangare. Abanyarwanda bagiye gufasha Kamandati gushimuta inka za Twahirwa ngirango nibo banze urubanza rwa gacaca ngo mutware niwe uzabikora. Mbese kera mu Rwanda urubanza rwabanzaga ibwami cyangwa mubisonga rudaciye mugacaca? Inka zimaze kugenda, uwitwa mugaanga w'inka kandi nawe wumuvandimwe yandika urwandiko ngo inka zarapfuye. Igitera agahinda lero nuko mutware avuga ko ibikorwa byose bikorwa nabavandimwe kandi iyo bajya gutemagu babanza kumuha inka. Ninde wanze inka? Ibyerekeye amashuri hariho abana bamaze imyaka ine bigira hanze kuko ngo ababyeyi biciyemo ibice ngo bamwe biyubakyire ishuri ryabo kandi ntibabishoboye. Ibyo byose nabavandimwe babyikorera. None rero turekye rubanda badusenyere tutabafashije. Kandi ga twifatanyije ntawadutinyuka.
Mwibuke wamugani ngo imisega ibiri ntinanirwa igupfa.

J. Rukyaha,

## MUREKE KURWANIRA MUMAYEZI

Murapfa iki Banyarwanda?
Murarwanira mumaposho. Mbese niba mufite imbaraga ntakindi kyo mwarwanira kyabagirira akamaro.

Murarwanira mumasambu nkaho itaka ridafite banyiraryo Muri 1982 mwarasenyewe muri iki gihugu. Abafite inka muranyagwa, murirukanwa. Naho muhungiye barabirukana kandi ariho mukomoka. Mwahinduye ururimi namazina, mwiyita ayabanyirigihugu, nkaho banyirigihugu batabazi.

Reka mumpunzi murataramira ba Komandati - ubu nabwo bwabaye ubutwari mugateranya bagenzi banyu.
Iposho singobwa!
Ubuhunzi s'umuragye!
Mwananiwe kwiyubakira amashuli ya bana banyu. Akazi nukunywa, gusinda no kurwana. Muriyogeza "ngo turi intwari".

Umuco karande waribagiranye. Umwana nta cyúbaha ababyeyi. Uburayi ni bwinshi murubyiruko. Imikino kavukire yaribagiranye: nki ntore no kubyina. Twiyita intwari.

Intwari sumusinzi, si utinya si uhakwa, si uwihoma si uwiyogeza, si ushukwa, si igisambo, si uwirukanwa mubye akabyihorera, si uhemuka, si urcba ibintu byangirika akabyima amatwi n'amaso.

Ahubwo intwari ikorera kukuri no guteza imbere umuryango n'igihugu kye! Akakirwanira ndetse akaba yanapfira kugeza ubwo abadapfuye bagera kuntego bakabaho mumahoro n'amajyambere.

Nshuti Juvenali,kwica, gufata, gufunga ari ntacyo umuntu afungiwe, no guhata abagutora, ugafatanya n'umunyunyusi konka igihugu kya gatwa, gatutsi na gahutu si ubutwari n'ubusambo.

Inzara, kutiga, ubukyene no kwica. Ibi sibyo byateza imbere u Rwanda. Sibyo byakunga ubwo butatu buli hanze yu Rwanda n'ubururimo. Mbese amahoro arihe?

Nawe Munyarwanda ururimo uratora, ariko se umwana ariga nkuko ubishaka?

Ibyo wita umuganda niwo se kyangwa ni uburetwa. Aho mbese ntuba ukorera Ububiligi kyangwa Ubufransa?

Muvuma yo muririmba ko ntayireba; mbese ubwo butatu iyo bwiyunga buri hamwe iyi myaka makumyabiri n'irindwi Urwanda ntiruba ruteye imbere. None reba akaga rugeze mo.

Nawe "Ngenzi" Ingenzintigira ihembe na mukyerarugendo ararambirwa akagera aho agatura. Nawe rekyeraho urugendo usange bagenzi bawe mwiyungye murebe uko mwarwubaka. Uko uzagyenda simbizi nawe ugutekreze nangye nkutekereze. Erega, umunyu ubunze witwa ivu!"

Dushakire umuti Urwanda ruroramye. Umuzungu na bategetsi barwo bararuliye bararumaze.

Erega siruto ahubwo rukoreshwa nabi rukonkwa na bagas buhake. Kadukanguke dukorere hamwe mbese tuzabwira iki abana bacu mugihe bazatubaza bati: "Kuki mwirukanywe mubyan ntimurwane n'abanzi banyu?"

Charles Gasagure, Nairobi, Kenya.

## UWO WANGA ARAGAFATA IPOSHO.

Iposho ni ibintu bihabwa impunzi cyangwa se abantu bakarere katewe namapfa. Ibyo bintu ni ibi: ibyokurya imyambaro n'ibikoresho. Utari umwanzi se wamwifuriza guhunga kyangwa guterwa n'amapfa?

Gufata iposho se bitwaye iki? Reka turebe icyo iposho ryakoze ku banyarwanda b'impunzi batuye Kyaka ya kabiri Abanyarwanda batuye Kyaka ya kabiri n'abantu bahoze batuye Nshungerezi na Nyakivara, cyane cyane abari baraharanijwe mu byaro; barateshejwe amago n'amatungo byabo. Bahageze rero bahuriye kumubabaro wuko batari mu gihugu kyabo n'uko bari baherutse kugiririrwa nabi n'abategyetsi bari bashinzwe kubarinda. Nuko imiryango ifasha imbabare iha aba bantu iposho, kugirango iborohereze umubabaro. Uyu mubabaro wararoshye? Niba uzi ko kubona ibyo "utaruhiye aribyo byoroshya umubabaro, wararoshye.

Umubabaro woroha utoraha, gufata iposho byazanye n'ibyago byinshi; kwangana, ubujura, ubusambo, n'amenshi, kuburyo iyo ridashira tuba tutakiriho. Ni byiza kyane kuba twarashoboye kwitunga vuba na vuba. Iposho twatangiye kurifatira Nyakivara na Nshungerezi. Ribanza kugaburwa n'abakuru b'amakampu bari bahazanywe mbere yokuza kwabantu bavuye mu byaro. Mu minsi mikye "bati abo barabyiba". Babakuraho batora abandi. Abo batoye baza bari hanyuma.

Bagatwara ibi basagutse mu mugo yabo, ibindi byinshi bakabigurisha bakikyenura, bakanywa inzoga bakagura n'inka. Bimwe bakabyiba rwihishwa ibindi bakabijyana kumugaragaro ngo n'umushahara wabo. Urugero ku ikampu ya Kagera, buri gihe hazaga ubudomora mirongo ine (40) bwa buto burimo amaritiro ijana na mirongo itandatu, bugenewe abantu barenze ibihumbi bibiri, abagaburaga iposho; chairman, secretary na vice chairman na bakuru b'uturere bose hamwe batageze no kw'icumi ngo n'igihembo cyabo. Ibindi bakabyiba n'injoro, kuko nibo babikaga infunguzo z'inzu byabikwagamo. Hagira uvuga, chairman akirukira kwa Siniya Komandati agakurayo urwandiko rumurega ko akoresha ubunama ashaka guca abantu mo ibice kandi ngo nibukya yitabe. Ku ikampu ya Rwamurunga ho uwashakaga kubaza aho ibintu bijya bamwemereraga kuzajya bamuha ikirenga agaceceka.

Tugyeze Kyaka ya kabiri tuhasanga inzu imwe y'iposho. Iyo nzu igacungwa na Komandati n'abantu yishyiriyeho babanyarwanda; ariko iposho rikagaburwa n'abakuru b'uturere batowe n'abantu. Ibi byazanye ibyago bibiri: ikya mbere nuko abantu bavaga kure bakazа bakiririrwa banamye ngo bateze iposho, rimwe na rimwe bagataha bataribonye. Ibyo bikababuza kwikorera imirimo yabo. Ikya kabiri nuko ubujura bwakomeje ibintu bikibwa na Komandati nabo bafatanya gucunga iposho; ibyo bahaye abakuru b'uturere nabo ibyinshi bakabinyuza mu myanya y'intoki. Rubanda nyamwinshi bagasonza kandi abagabura iposho bakabona ibyo barya nibyo bagurisha. Bamwe muri rubanda rugufi babibonye bigira inama yoguha Komandanti inka, ngo nabo bajye babona ikirenga. Ibi byazanye umwiryane mu bantu, ingaruka y'iposho rero niyi!
Ubwanganyi kuko ntawukunda umucura,
ubusinzi buturutse kubabona ibyubusa byokugurisha,
kutikorera imirimo yacu ngo duteze ibyubusa; gusuzugurwa na Komandati nabagabura iposho;
gukurura umuco woguhaki/ nogusabiriza kutwibagiza ikyo duhuriyeho.

Ubu iposho ryarahagaze kandi tumeze neza. Abantu barongyeye baba hamwe umwiryane utangyiye koroha, ni dukomeza kwibeshaho uzashira. Ibyago twagize bitewe na Komandati atubuza kwitorera abatuyobora ntabwo tuba twarashoboye ku birwanya iyo haza kuba iposho. Iposho nimwe mu ntwaro zikomeye Komandati akoresha kutwanganisha yarangiza akajya* hariya agaseka. Nimwe mu mpamvu zatumaga Siniya Komandati wa Nshungerezi na Nakivara akubita abantu ibiboko, agafungisha abandi, kandi abandi muri twe, ndetse bitwa ngo nibo bakwiye kuturebera bakaba inshuti ze.

Umunyarwanda wese akwiye kurwanya ikyatuma afata iposh Iposho twaryirukana burundu dutashye iwacu Irwanda tugafatan nabandi banyarwanda kubaka igihugu cyacu. Amaherezo tuzatah kandi igihe kirageze. Abanyarwanda bose, abomu Rwanda nabo hanze yarwo gushakira hamwe uburyo bwatuma Abanyarwanda bari hanze bataha bakareka guhora basabiriza mu mahanga, bagafatanya na bene wabo bo mu Rwanda kurwanya, ubujiji nubukene, kuryamirana nogukandamizwa; kuko nibyo byago byahejeje Urwanda hasi kungoma z'abami, iya Kayibanda n'iya Habyalimana. Ariko igihe tukiri hano dukwiye kurushah kwishakira ibidutunga, tukazabona imbaraga nubwenge bwokwiky

Kureka gufata iposho burundu nikibazo buri munyarwanda wese yaba mi Rwanda yaba hanze yarwo akwiye gushakira umuti vuba. Uwo muti yawumenya akabwira abandi bakawushaka, nidufatanya twese tuzawubona. Si Habyalimana cyangwa, abant bakye kyane bize amashuri menshi cyangwa abari iburayi, bazadukiza ubuhunzi. N'ugushyira hamwe kwacu, kwanga umugayo, kurwanya umwiryane, nubusambo, gukunda u Rwanda n'abanyarwanda, guhorana igitekerezo cyo guteza imbere amajyambere mu Rwanda no mubanyarwanda, kumenya ko tutali iwacu kandi ko u Rwanda n'abanyarwanda bene wacu badutegerej ngo tuze turwubakire hamwe. Ukuri kuratinda ntiguhera kandi ngo guca mu ziko ntigushye.

Nziranziza ,

## DUKORE IKI, RUBANDA RWAGISESEKA?

Aho abenshi muli twe ntitwataye umutwe nibitekerezo? Iyo uhuye n'abavandimwe bakubwira bati:

"Ntibishoboka guhora tuli impunzi.
Ntibishoboka gutaha iwacu ku neza.
Ntibishoboka kwifatanya ngo twikure mu makuba.
Ntibishoboka gutaha k'umbaraga" - tubaye abande?

Twe abarwanashyaka ba RANU ikidashoboka nikimwe gusa: nuguhora tuli impunzi, naho ibindi byose birashoboka habuze gusa ubushake, ubugabo, n'ubupfura, nibitekerezo byiza. None banyarwanda bavandimwe twe aba RANU turifuza kandi tubas ngo muterane hamwe mwige iki kibazo cyo kugaruka iwacu i Rwanda.

Mufite ubumenyi bwinshi, mufite ubuhanga muzi uko mushobora kwiga iki kibazo mukakibonera intsinzi (umuti). Twe abarwanashyaka ba RANU twatangiye kukiga; dore ubulyo n'inzira twakulikiye, namwe nibabera nziza aba aliyo

muzakulikiza, kandi nimubona iyiyiruta mwatumenyesha. Kwiga ikikibazo rero nukugenda usubiza ibibazo byinshi abanyarwanda bene wacu bagenda bibaza buli gihe.

1. Dukwiye se guhora tuli impunzi?
Hali bamwe bakiliye mubuhunzi, no kumpunzi bene wabo baziko wenda bihindutse bagaragara; abo ntibifuza gukira ubuhunzi.

Hari abandi bibwira ko tudashobora gukira ubuhunzi mbese bihebye bazi ko bidashoboka guhindura imibereho yacu.

Hari abateze umukiza wazahanuka mw'ijuru akaza, akatugarura iwacu. Murumva ko aba bateze icyo Rutezi ateze.
Aba nibo bibwira ko tudashobora kubwacu kwiteranira hamwe tugahindura imibereho yacu. Aliko rero hali rubanda nyamwinshi ihora yicwa, ihora ibabaye, ababo barashaka kugaruka iwabo, bazi neza icyo kuba impunzi alicyo. Iyo habonetse abadashaka guhora ali impunzi namwe murongera mukibaza muti dukore iki?

2. Dukore iki? Uru nirwo rwego rwa kabiri rugomba kugerwaho no kwigwa n'abashaka gukira ubuhunzi badashaka guhora ali impunzi; kandi rero kikigwa n'abavandimwe bacu bali i Rwanda bifuza ko tugaruka iwacu, tukubakana Urwanda.

a. Hari bamwe bavuga bati dusabe ubuturage bw'ibihugu dutuyemo. Aliko se ibibihugu niko bizatwemerera byose? Abaturage babo bazemera ko tubaye nkabo?
Hali n'abandi bibalira bibeshya ngo dushobora gutura mubihugu bidukikije kandi ngo ntitube abanyarwanda. Umunyankore wa UPC niwe waciye umugani ngo; "imbwa ibwaguliye mukiraro ky'inka ibibwana byayo ntibabyita inyana". Uwo mugani se ntufite icyo ubabwira, cyangwa se Obote n'abayusi be ntibababiberetse? Ngirango kandi icyi cyifuzo muzi neza ko ali cya Habyalimana na Kayibanda. Hali se ubwo mwigeze mwumva batwifuriza amahoro n'ineza?

b. Hari abandi bavuga bati dusabe Loni n'Afrika iturekere aho tuli tube nk'abaturage aliko tutari bo; tudashobora gukora ibyo abaturage bakora; mbese duhore turi mu maboko y'Imilyango mpuza-mahanga. Niko banyarwanda bene data mwabonye aho abantu basaba kuba impunzi? Aba rero sinzi igituma bagisaba kuba impunzi kandi barabibonye batiliwe babisaba - cyagihe

Ababiligi, Kayibanda na Peraudin babatwikiraga.

c. Hali abandi bavuga bati dusabe Roni n'ibihugu bya Afrika baduhe ishyamba linini tujye kurikonda maze habe iwacu. Yemwe bavandimwe ayo twakonze nimake, hali ubwo se yigeze aba ayacu? Nyamara, Roni yali yayaduhaye. Niko ye nikihe gihugu, ni abahe baturage bazemera kó muza mukabakondera ishyamba maze mwarangiza mukitegeka, mukabategeka? Kugirango mubigereho nukuba mufite imbaraga n'intwaro mukahagaruza umuheto. Sinumva icyabatera kurwanir'ikindi gihugu icyanyu kirabo. Ibyo byaba ali ukwenderanya. Amahanga twarwaniye yose natwitura tuzagira icyo tugeraho.

Uganda? q

d. Hali abandi bavuga bati reka dusabe Habyalimana aduhe uburenganzira bwo kuba abanyarwanda hanyuma twigumire aho tuli tujye tujya gusura Urwanda. Niko, dusabe Habyalimana kuba abanyarwanda? Ubundi se tuli iki? Ubunyarwanda twarabuvukanye ni kamere kacu; sinzi ko haliho ushobora kubuduha cyangwa kubudukuraho. Mbese ye nan'abuduha ninde wababwira ko amahanga dutuyemo azatwemerera kuguma mu mataka yabo, gukoresha ubukungu bw'ibihugu byabyo?

e. Hali nabandi bavuga bati tugeragere kwihisha twiyoberanye tuzaburira mu byo abagande bita akavuyo* Nikoye ushobora ute guhisha imbaga y'abantu bageze kuli miliyoni? Igishekeje nuko mulibamwe batugira iyo nama ali abatuye mu bihugu by'abera. Bazashobora kwihisha bate? Bazisiga amaraso ngo bakunde babe abazungu? Yemwe ye nitureke kwihadika amatugunguru.** Nitube abagabo twirwaneho dutsinde cyangwa dupfe kigabo

f. Hali abandi banga uko kwipfulika basanga ko kugirango bakire ubuhunzi ali ukugaruka iwacu, tukagarukana n'abavandimwe bacu bali i Rwanda. Tukarwubakira hamwe, tukarwaniliza hamwe akarengane, umwilyane, amacakubiri. Tukagarura amahoro muli bene Kanyarwanda bose; bagategeka Urwanda bakaruyobora inzira y'amajyambere. Uyu mugambi RANU iwufatanije na rubanda nyamwinshi. Abantu nkaba nibo bashobora gutera indi ntambwe ya gatatu aliyo ya kigabo.

3. Dushobora kugaruka iwacu i Rwanda dute?
Ikikibazo ntababeshya kirakomeye, nikyo kwitonderwa. Irwanda haliyo abalyamira abandi, ali nabo barutegeka;

---

*Tuzaburila mu kavuyo = muli rwaserera, mumyanya yintoki

** kwihadika amatugunguru = gutinya

abo ntibifuza kotugaruka iwacu. Bafite amaboko, bafite nitwaro, bafite ibihugu bibahatse nibyo bahakanywe nabyo bishobora kubagoboka; kugirango muze yo nuko mwabanza mukabaka ibyo bafite. Abo nibo bahora bateranya abanyarwanda ngo bamwe ni abatutsi, abandi ni abahutu, ngo abatutsi nibo bashaka kugarura ubuhake na karengane, nkaho byashize. Abo nibo babonye ko inzangano za gahutu na gatutsi zali zarazanywe na Peraudin n'ababiligi zitagitinyisha abanyarwanda, bahimbye ayandi macakubiri; none inzangano za abalera n'abandi nizo zivugwa. Hanyuma n'ayo macakubiri bahimbye, abanyarwanda barayafinduye, abobalyi b'Urwanda nibwo bahimbye andi: abanyaruhengeri, n'abanyagisenyi. Ubu abanyagisenyi nabo bamaze kubona ko babakoresha kugirango Habyalimana n'ibyegera bye babone uko balya, bazabyanga, nako bamaze kubyanga. Ubu rero Habyalimana n'ibyegera barashaka ukundi bakora. Ariko ntakundi hazasigara inzira imwe "abakire bake balya abakene nyamwinshi." Ibi niko byahozeho; ibindi byose bya gahutu/gatutsi, bya Mulera/Munyanduga bya Munyaruhengeri/ mu Nyagisekye byali guhishahisha ngo abakire babone uko bakomeza kulyamira abakene. Ikibazo cyo kugaruka iwacu hashobora kuba inzira nyinshi.

1. Habyalimana n'ibyegera bye bashobora kwibwira bati "ariko turangira iki uwabareka bakaza maze bakaduha amahoro tugakomeza tukilira." Iyi nzira iraruhije ntabwo Habyalimana yabona uko abibwira abanyarwanda kandi yarakomeje kubabwira ko Urwanda ali ruto. Ntabwo kandi ashobora kwizera ko abaturuka inyuma bazemera ko akomeza kulya Urwanda. Kandi rero sindeba icyatuma abaturutse hanze bali balishwe n'akarengane baza kwemera akandi.

2. Hali bamwe baziko babwira abanyamelika, ababiligi mbese ibihugu byifuza kuguma kututegeka ngo alibo bazaza kutugarura iwacu i Rwanda. Aba bibagirwa vuba.

1. Ababiligi n'abandi nibo batwirukanye kandi babigiliraga ko bashakaga uko baguma mu Rwanda ali ntawe ubateraho amahane. None barabishyikiliye. Umugaragu wabo arabumvira neza ni ncuti nyancuti, uko mwumva se ababazungu babibafashiliza iki?Kuko mufite amaso meza?

2. Hali abandi bategereje ko hali wenda ibindi bihugu byaza kubarwanilira bikabacyura iwabo, ninkabandi bazi Kigeli na Roni bazabacyura iwabo. Wa munyarwanda niwe wabivuze ukuli ati "nta Rumari nta Roni nta kavumburamashyiga" Ibihugu n'ibindi bihulira kumubano wogucuruza; abacuruzi ntabundi buvandimwe nifranga. Umugabo aligira yakwibura agapfa. Niturekaraho gutega icyo Rutezi ateze.

3. Nyamara hali gufata intwaro tukarwanira ibyacu batunyaze mu maherere, twagira imana bakabitugarurira tutiliwe dufata intwaro. Ikikibazo rero kirakomeye, ni cyokwigwa n'abanyarwanda twese, abali hanze, abali i Rwand kandi rero kizatwara igihe kirekire, ntabwo ali icyo guhubukirwa, kigomba no kwemerwa n'abanyarwanda nyamwinshi mbese bashaka kwikura mu bulyamirwa, kuko arigushaka guhindura imitegekere, imibereho y'abanyarwanda twese. Igihe ni iki ntakindi, uko imyaka ishira niko ibintu bikomera ninako abalyi b'Urwanda biyongera amaboko. Ariko ngo ukuli guca muziko ntigushye. Urwanira ukuli bishyirak agatsinda.

Kwiga ibyo bibazo birakomeye sinababeshya. Ariko ngo ako umugabo ashaka! Tulimo n'abantu bandi bakomeye batifuza ko twatekereza kukibazo cyo kugaruka iwacu.

1. Hali ba "rumizi" bashaka gukirira mu kavuyu.* Aba icyabo nuko bakwiyuzuliza inda zabo.
2. Turimo abarambiwe bashaka kuruhuka guhora kurugendo bibwira ko wenda babonye aho bakwegama baba balyaho kabiri. Aba bibagiwe ko ingenzi itagira ihembe. Aho begamye bishyira kera bakahabirukana.
3. Hali n'abandi bagenda bavuga ko badukorera neza ngo baradusabira kuba abaturage, abo bamwe mulibo baba barashut na leta y'Urwanda cyangwa abandi bose bagikeneye kudukoresh Yee! Dushobora kugira amahoro mugihe bakidukeneye ariko umunsi batazadukenera tuzamera dute? Naho ibya leta y'Urwa yo ibyayo turabizi, yumvise ko twashizeho twese yakwishima, yabyina. Yewe ye! Aba nibareke kutubeshya, ubuturage sibwo buzadukiza.
4. Hali rero na ba "Rwakimyatuzi", abi ibisambo leta y'Urwanda igenda igura ngo batuvuyange. Aba bamenye ko tubazi, ko tuzabarwanya uko dushoboye.

Igihe ni iki banyarwanda nidufatanye na RANU kurwanir ibyacu no gukuraho akarengane mu Rwanda.

Basebya.

## UBUCYENE, GALI YA MOSHI, GUSHYA NO KWIYEMERA ICYO BYAKOREYE ABANYESHULI BA GAHUNGE

Ibi bintu byose uko ali bine byarafatanije mugusenya amashuli muli Gahunge. Ariko ntibyali biturutse kuruhande rumwe. Icyo mvuga nuko byaturutse kumpande nyinshi, arinazo izi zikurikira. Uruhande rw'ababyeyi, uruhande rw'abanyeshuli hamwe nuruhande rw'abacuruzi.

Uti ibi abanyeshuli bite? Hari impunzi zir'ukubiri muli Gahunge. Hari impunzi nkuru arizo zafashe ibibanza muli 1962/63, hakabaho n'impunzi nto arizo zahageze muli 1966:

Hagati ya 1962 na 1970, abanyeshuli ba Gahunge batsindaga neza cyane, kubulyo mumwaka wa 1970, mwishuli lyitwa Rwengoro, mubana 48 bakoze ikizame kirangiza umwaka wa kalindwi, 47 batsindira muli grade yambere, umwe agatsindira muli grade yakabiri ariko nayo nziza cyane. Ninabwo kuli ilyo shuli ariho havuye uwambere muli Uganda yose.

Guhera muli 1977, abana bo muli Gahunge batangiye kujya bakora nabi mubizame byabo. Icyabiteye ari nakyo koko cyabitangiye, ntakindi uretse ubucyene. Ababyeyi bali bakennye cyane kubulyo umwana yigaga icyumweru kimwe, ibindi bitatu cyangwa se bine akaba yicaye murugo, kuko yabuze amafranga yo kwishyura mwishuli. Ubwo bwali ubucyene kuruhande rw'ababyeyi.

Guhera muli 1971 nibwo ibintu byatangiye guhinduka. Ubwo lero nibwo Amin Dada yafashe leta ya Uganda, ibyerekeye amashuli bita agaciro mu gihugu cyose ubucuruzi n'amafranga bitera imbere. Umunyamafranga agasuzugura umuntu wese wize ariko udafite amafranga, kandi lero koko abize bose ntanumwe cyangwase bake nibo bali bafite amafranga.

Ubwo lero nabanyeshuli bo muli Gahunge ibyokwiga basa nababyibagiwe, ahubwo bafata inzira ijya Mwigali gucuruza amagi ninkoko, babikura Gahunge babijyana mu Kampala. Umwana akiga limwe cyangwa se kabiri mucyumweru indi minsi akaba ali muli gali ya moshi cyangwa se mu Kampala.

Ubundi umunyeshuli, yasibaga kwiga umunsi usubiyeho agahanwa, aliko muli ikyo gihe ntamwalimu watinyukaga guhana umwana wimyaka 13 kuko umwana yamurushaga amafranga no kwambarana neza. Ndetse abana babanyeshuli bagasengerera abalimu amayoga, ibintu ugenzuye byalibibi cyane.

Ubwo rero urareba ko gutsinda k'umwana wiyemera ko afite amafranga kandi mubyukuri alukwibeshya byagombaga kugaruka inyuma.

Abarimu nabo kubera ubucyene nogufata umushahara mucye batangira kwigisha bitangiriye itama, umwalimu akabanz mumulima guhingira abana n'umugore, kwishuli akagerayo akesheje kandi ahinguye, ananushye. Akigisha nk'amasaha abiri mumunsi akaba arangije. Mul'iyiminsi lero ababyeyi bararebye basanga ibya'amashuli bibacikanye, bajyinama yogushakira ikikibazo umuti, bemeranyako bajya bateranya amafranga bakishyura abarimu. Ntibagiye iyonama gusa ahubwo baranabikoze. Iki nigikorwa kiza gikwiye gukulikizw nabandi banyarwanda.

Gushya nabyo lero byagize uruhale runini mugusubiza ibyo kwiga inyuma. Gushya lero, sugushya uburo namasaka nkuko waba ubyibwira ahubwo nijambo libi cyane lyadukanywe n'abacuruzi babasore bo muli Gahunge balimo abakoze ibiroli byogusezera kubucyene n'abafashe isente umurizo, nyamara kandi imirizo bafashe yaracitse isente zirabacika. Aba nibo twita abahinde.

Umuhinde wa Gahunge lero akaza akakuleba ati "iragush ngo inzara. Ntagutunze, ntagutungiye abana ntanubwo akwambika aliko akagutumbira nagasuzuguro kenshi ngo "iragushya". Ubwo lero umubyeyi ntahure n'umuhinde, umunyeshuli wigize umuhinde ntiyumve umwalimu, uwo mwana nawe ntarebane nase. Ibyo urumva al'ibintu koko?

Babyeyi, bahinde namwe banyeshuli bo muli Gahunge, mwiba abapfu ngo mwicemo ibice, kuko ntacyo bizabamarira, ahubwo nimufatanye mwifasha nibyo bizadufasha kubonera igisubizo ibibazo biturcba muli icyi gihe.

Muhinde wibona udufranga ngo witerere hejuru nawe mwana wikwirukira amafranga ngo uve mwishuli, baca umugani ngo ibirenge bijya imbu kujya imbere.

Abagande nabo bagereranya isi n'urwego rwabantu buririraho bajya munzu ya etage. Ngo abantu muliyi si bamwe baba bamanuka abandi bazamuka kandi baba bavuga ibyubukungu, ushobora kuba ufite amafranga uyu munsi ejo akaba yashize. Ubukire bwa mbere ni abantu bomufatanya mu gushaka ibintu, mukirukana abanzi, abajura nabicanyi - urugero nti ruli kure ahubwo murarwirengagiza.

E. Mbangukira.,

## IMWE MUMIGANI Y'IKINYARWANDA N'INKOMOKO YAYO

### 1. BULYA SI BUNO !

Uy'umugani abanyarwanda badatuza guca, cyane iyo bacyulirana, umuntu awuca iyo abonye urwaho rwa kiganzura uwali waramuzambije, akamubuza amahwemo cyangwa se iyo ashaka kwumvisha ko umuntu ali "Mutimukwe" (mutima-ukwe) nibwo avuga ngo "Bulya si buno".

Wakomotse kuli Bulya na Buno bene Rugomwa rwa Mironko mu Gisaka (Kibungo), ahagana mumwaka wi 1400.

Abo bahungu bali impanga bakaba bene Rugomwa rwa Mironko na Barakagwira ba Numugabo. Rugomwa yali umugesera w'umuzirankende; akaba umutware w'umutoni mubingénzi kwa Kimenyi Musaya umwami w'i Gisaka. Bukeye Kimenyi atoresha abakobwa beza bo Mugisaka babazana mu rugo rwe rw'Iremera ly'Imukiza (muli Komini Kigarama, Gisaka Imukiza hali nk'Ibwami mu Rwanda). Bamaze kuhateranira, yohereza abagore bakuru bo guhitamo abasumbije abandi ubwiza kugirango baze azabarongore, abandi abashyingire abahungu akunda. N'Irwanda ni kwo byagendaga, nikwo ibwami barambagizaga.

Nuko abagore bajya kurobanura abakobwa; babakenyeza impu z'imikane babareba imbere ninyuma, babambika ubusa barabahindagura bareba intantu nibibero. Umukobwa wambere aba Barakagwira ba Numugabo. Igihe bakibisiganira Kimenyi aba arahageze na wa muhungu Rugomwa, dore ko yamukundaga cyane. Babagore n'abakobwa bamubonye, abatunguye barikanga. Arabasatira arabaramutsa n'abakobwa bose. Ubwo abagore bali bakikije Barakagwira. Kimenyi arababaza ati "Konduzi mukikije uyu mukobwa mwese nibiki?."

Abagore batinya kumubgira ko aliwe uruta abandi ubwiza, kugira ngo bagenzi be batagira ipfunwe n'ishyali Kimenyi nawe arabimenya aroroshya; ati "nimuze mbabaze" abajyana muyindi ngombe; dore kwo ibyo byagirirwaga mugikali. Bahageze babona kumutekerereza ko Barakagwira aruta bagenzi be bandi ubwiza. Ubwo wamuhungu Rugomwa akaba ali aho Kimenyi arashimikira at "Arabaruta bose koko?" Bati "arabaruta turakakuroga!" Kimenyi akebuka Rugomwa ati "Muguhaye wanshima?" Rugomwa ati "Nagushima mba nkuroga" Kimenyi ati; "Ndamuguhaye uzamurongore".

Rugomwa rero arongora Barakagwira atahilira Imukiza kwa Kimenyi. Barakagwira amaze kurongorwa ntiyazuyaza,

aherako asama. Igihe cyo kubyara kigeze yibaruka abahungu babili b'impanga. Umwe bamwita Bulya undi bamwita Buno. Bamaze gukambakamba, Kimenyi atekesha Rugomwa ubutware aramusezerera ajya kubwororeramo abana be. Bamaze kuba ingaragu, Kimenyi abajyana iwe barreranwa nabe! Bamaze kugimbuka arabashyingira abaha inka n'imisozi.

Bibaho bishyize kera Rugomwa arapfa. Abahungu be basigara, babitungana n'ibyabo bitinze abantu bo Mugisaka babagirira ishyali, barabanga babateranya na Kimenyi. Nawe atangira kubareba nabi. Bulya na Buno babibonye bagira umbwoba baracika bamucikira Ibujinja bamaze kugerayo bakeza umwami waho. Arabakira arabahaka. Hagati aho abanyagisaka bayoberwa aho bagiye. Birarambanya bishyira kera hashira imyaka, aliko bigeze aho barahamenya. Babwira Kimenyi bati "Bulya na Buno bali Ibujinja." Kimenyi yohereza abantu bajya kubagarura, kuko yyabakundaga cyane. Bagezeyo barabaririza barababona, bararamukanya barashyikirana. Bali bamaze kuba amajigija. Intumwa zibabwira ubutumwa bwa Kimenyi bw'ukwo bagaruka iwabo. Bamaze kubyumva Bulya arabyemera, Buno aralicurika ararahira; yanga kugaruka. Bulya agarukana nintumwa, Kimenyi amusubiza ibyabo byose nawe Buno yigumira iyo.

Nuko atindahalirayo, kugeza igihe agwiliyeyo yiseguye ubutindi. Rubanda rero rumaze kubona uko izo mpanga zanyuranije ibitekerezo byali mahwi amambere babikurizaho imvugo yahindutse umugani baca bagira ngo "Bulya si Buno". Bawuca bashaka kuvuga ko umuntu ali mutimukwe; nkuko abo bahungu babusanije ibitekerezo kandi bali akara kamwe. Kuruhande baba bashima Bulya, kurundi bagaya Buno. Aliko mumvugo bisobanura ko ibihe biha ibindi ni nkaho umuntu yagize ati "Bilya wangiraga Bulya ntubishoboye ubu noneho byarahindutse".

Naho rero iyo umuntu abajije undi ati "mbese ni Bulya na Buno" ubwo aba ashaka kumubaza ngo "mbese biracyali kwakundi?"

Bulya si Buno = umuntu nimutima ukwe cyangwa se ibihe biha ibindi. Ntagahora gahanze. Bulya na Buno = Biracyali kwakundi. Nta cyahindutse.

2. <u>AMAGARA ARAMIRWA NTAMERWA!</u>

Uyu mugani abanyarwanda bawuca bawukulije ku muntu wali warazambijwe nakaga k'ubukene hanyuma akagira amahirwe ubukire bukamudamaraza; ni bwo bavuga ngo "Amagara aramirwa ntamerwa" wadutse kungoma ya Gahindiro, ukomotse kuli

Migambi se wa Bisangwa umutware w'Ingangurarugo za Rwabugiri ahasaga umwaka w'i 1800.

Limwe Gahindiro sekuru wa Rwabugiri yarambagiye Urwanda ageze munzira ahasanga akana k'agahungu k'akananu gasa n'agasigaje inkunga nto kagapfa. Akabonye agira impuhwe abwira abo bali kumwe ati "Nimukanzanire" Barakazana akabaza icyo gashakakukulya cyagakiza. Akana kati "ndashaka ituli". Gahindiro abaza abatware n'abahungu ituli icyo ali cyo barabiyoberwa. Babaza rubanda rwa giseseka rwaje rushagaye umugendo w'umwami n'abatware, bati "Muli mwe ntawamenya ituli icyo ali cyo." Havamo umwe ababwira ko ali ibihaza bicucumye mu bishyimbo.

Ubwo Gahindiro amuha uwo mugabo ubivuze, amuha n'abagomba kujya bagemura ibishyimbo n'ibihaza. Uwo mwana yitwaga Migambi. Nyuma bararimukura bamwita Rugombituli kuko Gahindiro akimutoragura ku nzira bamubajije icyo ashaka ati "ndashaka ituli".

Hashizeho iminsi wamurezi wa Migambi aragaruka abwira Gahindiro, ati "Mbingenjeje nte ko wamwana wandagije noneho agiye kuzira ubworo." Gahindiro amuha inka z'imbyeyi cumi zo kumukamirwa. Umugabo arazijyana akamira Migambi. Nyuma yamezi atandatu Gahindiro aramutumiza, baza kumumulikira ali umushishe usanabike. Aguma ubwo kwa Gahindiro areranwa n'abane be abyirukana nabo arashakirwa abyara Bisangwa uyu watwaraga urugo rwa Rwabugiri rw'Irubengera agatwara numutwe w'umurangangoma wa Rwabugiri witwaga Ingangurarugo na barumuna bazo Inshozamihigo.

Muli iryo mulikwa lye rero, abali baramubonye ali uruzingo baramuyoberwa barabaliriza. Wamugabo ati "Ese si wa mwana washakaga ituli?" Bose baratangara bati "Amagara aramirwa ntamerwa" nibwo inkuru ikwiriye ibwami no kukarubanda ihinduka umugani. Kuva ubwo rero; baba babonye umuntu wigeze kuzahazwa n'akaga hanyuma agahembuka akadibika umubyibuho bakamugereranya na wa mwana Migambi bati, "Nimurorere amagara aramirwa ntamerwa!" - Kumira amagara = kuyobokwa numugisha.

3. <u>AYO BABWIRA NYIRAMBWAGA AMUCA INYUMA!</u>

Uyu mugani mu Rwanda bawuca iyo babonye uwo bahana ikintu, bamwihanangiriza akarenga akagikorera agashungo; nibwo bavuga bati "Ayo babwira Nyirambwaga amuca inyuma!" Wakomotse kumuhimakazi witwaga Nyirakigeli; ahasaga umwaka w'i 1600.

Kera kungoma ya Mibambwe Gisanura mu Rwanda haje Umunyankore acitse Gahaya acikana na Nyina, Numugore we numwana umwe. Uwo mugabo yitwaga Kigeli, Nyina akitwa Nyirakigeli. Ageze mu Rwanda asanga Gisanura i Mbilina na Matovu mu Bumbogo bwa Huro, aramukiza. Gisanura aramuhaka ati "Guma aha nzagukiza!"

Nuko Kigeli aguma aho na Nyina Nyirakigeli n'umugore we numuhungu we Ruhunura. Bigeze ubwo Gisanura yohereza Mazimpaka mu Nduga azana nuwo Muhima numulyango we. Mazimpaka amuha igikingi i Gihembe cya Musambira. Bukeye Mazimpaka ahamagara uwo Muhima aramubwira ati "Kuva ubu ntuzongera kwitwa Kigeli, nyoko nawe ntazongera kwitwa Nyirakigeli" ati "wowe uzitwe Mbwaga nawe nyoko yitwe Nyirambwaga:" Kigeli arabyemera araza abibwira umulyango we ati "Ibwami banyambuye izina lyange, banyita Mbwaga, na we umukecuru bamwita Nyirambwaga." Bibera aho bitwa ayo mazina.

Bukeye Mbwaga arashenguruka ageze iwe asuhuza nyina, ati "Mwiliwe." Nyina ati wiliwe nawe Kigeli cyange! Bamwumvise baraseka cyane bati "Ayo babwira Nyirabwaga amuca inyuma!" Kuva ubwo uwo mugani ukomeza utyo kugeza magingo aya.

Ngaho rero aho uwo mugani wakomotse, abanyarwanda baba babonye uwo bahannye ikintu akarenga akagikorera icyo, bakawumwibukirizamo ngo yisubireho,bati "Ayo babwira Nyirambwaga amuca inyuma!"

Kubwira Nyirabwaga = Guhana intumva.

4. <u>UJYA GUTERA UBUREZI ARABWIBANZA!</u>

Uyu mugani bawuca iyo babonye umuntu wabiliwe n'amahirwe akabanza kuyihwabaho mbere yo kubegera abandi (kubasagulira), nibwo bavuga ndetse babishima ngo nikoko: "Ujya gutera uburezi arabwibanza!" Wakomotse kuli Mibabwe Sekarongoro aha umugisha umuhungu we Yuhi Gahima i Remera ly'Abaforongo mu Buliza (Kigali); ahasaga umwaka w'i 1400.

Mibabwe Sekarongoro yali afite umugore witwa Nyirahondi Shetsa. Banamwita Nyirahondi gusa kubera umuhungu we Hondi baciraga ubwami, nuko babyalana abana benshi cyane. Amaze kuba igikwerere atangira kwibaza no gushaka umwami uzamuzungura Arashishoza asanga bene Nyirahondi barabaye imyarumbo (ibigoly ninaho umugani winyarumba ya Nyirahondi waturutse babona umuntu ufite abana benshi bamubuliye ubulyo bakavuga ngo "bene naka n'imyarumbo ya Nyirahondi!" baba bagereranya na bene Mibambwe na Nyirahondi abo ngabo.

Abo bana ba Nyirahondi rero Mibabwe amaze kubona ko bose ari imyarumbo; yararaguje yereza kurongora undi mugore; arongora Matama ya Bigega w'i Buha muli Tanzania aliko amurongora mu bwiru. Amaze kumurongora babyarana umwana w'umuhungu, se amwita Gahima. Atambutse ubutambambuga, Mibambwe amucana na Nyina abacira mu Karambo ka Rukore. Aliko ntibyali ukubuca byo gucibwa ahubwo byali ukubabundisha (kubahisha) byo kurengangiza rubanda na Nyirahondi kugira ngo babone ko ali ukubanga naho ali ubwiru.

Nuko Mibambwe atangira guha umuhungu amaboko atyo. Intore zataha umutwe abonye ko ali abahanga mu Imasha akawuca ati "Sinahaka uyu mutwe ni Ibigolyi mbaciriye mu Karambo ka Rukore basange ibindi bigolyi nka bo." Akongera akiyenza ku mutware ukomeye kandi ufite ingabo z'intwali ati "Nguciriye Mukarambo ka Rukore n'ingabo zawe" uwo akajyayo akayoboka Matama n'umuhungu. Agumya kubigenza atyo by'ubwiru nabo rubanda bagakeka ko bamuroze. Amaze kubona ko umugore we muto agwije amaboko bene Mukeba we batakimushoboye ahamagara Nyirahondi n'abiru aliko bamaze kuzana Matama n'umuhungu we kare babashyize mu kigega iyo mugikali.

Bene Nyirahondi bamaze guterana Mibabwe abwira abiru ati "Dore ndashaje, none ngaba abana bange nintanga muzabashakemo umwami." Abana na nyina bakura ubwatsi. Abiru bo aliko balibazi ko Gahima ka Matama ali we mwami. Mibambwe arongera ati "Kandi bana banjye, ngiye kubana imitsindo kubera ko naciye Matama n'umuhungu we n'ibindi bigolyi, none aho bali ngo bakaba baduhigira." Ati "Nimara gutanga muzabatere mubice" ati"kandi ntimuzabatere mujyanye intwaro; ahubwo muzajyane imifunzo ni yo izabatsinda." Ati "Kandi ntihazagire umwana numwe usigara adateye iyo nabaciriye iyo mukarambo."

Nuko amaze kuvuga atyo ati "Nimuze tujye mugikali mbatere uburezi (mbahe umugisha)." Baragenda; ahagarara ku kigega Gahima na nyina baiimo acyerekeza ibitugu amaso ayerekeza kuli Nyirahondi n'abahungu be umwiru Mwimuka amuhereza uburo - dore ko ali bwo burezi buvanze n'ibindi by'ubwiru bitazwi na rubanda rwose. Mibambwe arabwirenza, bugwa inyuma ye ku kigega, abigira kabiri, Nyirahondi ayoberwa ibyo ali byo arabaza ati "ese ubwo uragira ibiki?" Mibambwe ati "Ujya gutera uburezi arabwibanza" Matama n'umuhungu bahabwa ubwami batyo, nawe Nyirahondi n'abahungu be bibwira ko bahawe umugisha.

Ngiyo inkomoko yo gutera uburezi bwababaye gikwira mu Rwanda. Umuntu yabona ibintu akabanza kwihwaba mbere na mbere yijuta akabona gusagulira n'abandi. Niyo rero mvaho y'uyu mugani baca bavuga ngo "Ujya gutera uburezi arabwibanza!" Gutera uburezi = Gutanga umugisha.

Rucyemanganizi, Mushiha, Burundi.

.... Biracyaza

NTUKIBESHYE:

Ntukibeshye ngurafite kandi arintabyo
Ntukibeshye ngo ntawe ukuruta kandi abakuruta ari benshi
Jyerageza wisuzume cyane rwose kuko nibyo bikwereka
ukuri
Muntu uryamira abandi ntahuri.
Kubaho nugufatanya, ntakiruta umuntu.
Koresha uburyo kuko nibwo bwukuri
Ntukicare cyane ngo wifuze. Gukora nibwo buryo
Jyubanza wibaze mbere yo gukora.
Igitecyerezo nicyo cyigenga igikorwa
"Ndabizi" yakuroha mucyobo utakwikuramo.
Erega ntakiza nko gukunda kumenya,
Nibwo buryo buzadufasha murik'igihe.
Dufatanye tureberere hamwe ibitureba,
Tubishakire ibisubizo tutabera cyangwa ngo twibeshye
Bizadufasha kugera kukuri.
"Ndabishoboye jyenyine" ntaho izatujyeza.
Babyeyi namwe rubyiruko dufatanye ntakizatunanira.
Bagira umugani mukinyarwanda ngo "umutego w'ikinyoma
ushibuka nyirawo akihahagaze".
"Ukuri kuratinda ntiguhera, kandi ngo ukuri guca muziko ntigush
Munyarwanda niwowe ntawundi,
Ugomba kumenya icyuricyo ahuri hose
Kubaho kwawe bizaturuka uko ureba iyisi.
Ubuse wibwirako 'igitangaza kibaho'?
Jyewe ndabaanga nubwo cyaba kiriho gituruka
mukwigeragereza kwacu.
Wikwiheba ntagikomera iyo uzi icyukora,
Iyumvishe ubuzima icyuricyo,
Ubuzima nugutunga inka gusa?
Nukugira ibibanza byinshi? Mbese ye ubifite uhagaze he?
Agaciro kawe kazaturuka kukamaro umariye abandi.
Mbese ye, baca umugani mukinyarwanda ngo
"Habwirwa benshi hakumva bene yo", Mugabo ahasigaye
nahawe.

Atanazi Ruzibiza, Ngara - Tanzania.

# Inkotanyi



## IKINYAMAKURU CYA RANU

## Ukuli guca muziko ntigushye

Ku' Basomyi ba "Alliancer" mwese!
Turabamenyesha ko "Alliancer" itazongera kwandikwa. Ahubwo haje INKOTANYI!

***